Imashini, ibikoresho n'imiyoboro y'amashanyarazi byitabwaho hakurikijwe uburyo butuma nta muntu bihungabanyiriza ubuzima kandi bubuza abantu guhura na byo ndetse butanga icyizere cyo kwirinda gufatwa n'amashanyarazi, inkongi y'umuriro, iturika, ibishashi cyangwa ishonga ry'ibyo bintu kandi bigomba gufatirwa ingamba zo kubicunga, kubikora no kubigenzura buri gihe.

Birabujijwe gukoresha imiyoboro y'amashanyarazi ahantu amashanyarazi

Article 37: Regular monitoring

Regular monitoring shall be conducted in places considered to be fire risk areas, particularly in the vicinity of heating appliances, electrical installations, in deposits of combustible or flammable materials, or in places where welding or cutting after preheating activities are conducted.

Hot welding or flame cutting activities and other hot-working operations shall be carried out only under the supervision of a knowledgeable and competent person and after taking all necessary precautions to reduce the risk of fire.

Article 38: Use of electrical installations

Machinery, appliances and electrical installations shall be safely maintained in operating conditions and in isolation especially to avoid any kind of hazards that include electric shocks, fire, explosion, sparks or blowout and shall be subject to inspection, maintenance and periodic check measures.

The use of electrical installations in areas considered high-current-carrying conductors

Article 37: Surveillance régulière

Une surveillance régulière doit être exercée là où il y a risque d'incendie, notamment au voisinage des appareils de chauffage, des installations et des canalisations électriques, dans les dépôts de matières combustibles ou inflammables ou dans les endroits où l'on procède à des travaux de soudage ou de coupage à chaud.

Les travaux de soudage à chaud ou d'oxycoupage et les autres travaux à chaud doivent être effectués sous la surveillance d'un agent qualifié et après avoir pris les précautions requises pour réduire les risques d'incendie.

Article 38: Utilisation des installations électriques

Les machines, appareils et installations électriques doivent être maintenus dans les conditions de fonctionnement et d'isolement présentant toute sécurité, de façon à éviter notamment tous les dangers de décharges électriques, d'incendie, d'explosion, d'étincelles ou de fusion de matière et doivent faire l'objet de mesures de surveillance, d'entretien et de vérifications périodiques.

L'utilisation des installations électriques dans les endroits très conducteurs tels que les

ashobora gukwira ku buryo bworoshye nko mu bibanza biri hanze, ahantu hatose, imbere muri za tiribine, mu bikono bishyushya, iyo amashanyarazi ahari atari mu gipimo cyo hasi.

Abakozi bakenera gukoresha imiyoboro y'amashanyarazi mu kazi kabo cyangwa abakora hafi yayo bagomba kumenyeshwa ku buryo bwose amabwiriza y'umutekano bagomba kubahiriza hakoreshejwe amabara, amabwiriza yanditse, n' ibyapa kandi bagomba kuba bafite umwambaro ubarinda wabugenewe.

Ingingo ya 39: Kuzimya inkongi y'umuriro

Umukoresha agomba kugira ibikoresho byabugenewe bituma itangira ryose ry'inkongi y'umuriro rimenyekana kandi ikazimywa vuba.

Umukoresha kandi agomba gushyiraho uburyo bwo kuburira abantu, kugira amazi anyanyagizwa, imiti yitabazwa mu kuzimya, ahantu hacomekwa imipira yabugenewe inyanyagiza amazi, za kizimyamuriro zikwiriye hose, ibikoresho byuzuye umucanga, amazi, ibitiyo no guha abantu bashobora guhura n'inkongi y'umuriro ibibarinda umuriro, ibiringiti byo kuzimya cyangwa n'ibindi bikoresho byabugenewe.

Ingingo ya 40: Uburyo bwo gutabara abantu

Mu nyubako zishobora kwakira abakozi

such as external sites, damp areas, inside turbines and boiler shall be prohibited if such areas are not run at a very low-voltage power supply.

Workers bound to use electrical installation in the discharge of their duties or those working in areas surrounding electrical installation shall be fully informed by all means of safety rules to be observed especially through colors, notices, signs, labels, and emblems, and shall also have appropriate safety equipment in the performance of their tasks.

Article 39: Fire-fighting measures

Every employer shall have appropriate equipment for fast detection of fire outbreaks and effective fire fighting.

Every employer shall also develop an automatic warning system, a pressurized water system and a sufficient number of hose connections and flush hydrants fitted with appropriate pipes, properly located fire extinguishers, containers of sand, water, shovels and paintings served and put at the disposal of exposed people fire blankets or other suitable equipment.

Article 40: Evacuation plan

In buildings that may accommodate more than

chantiers extérieurs, les locaux humides, l'intérieur de turbines, de chaudières doit être interdite s'ils ne sont pas alimentés en courant très basse tension.

Les travailleurs dont les activités nécessitent l'utilisation d'installations électriques ou qui travaillent dans le voisinage des installations électriques doivent être informés par tous les moyens de règles de sécurité à observer notamment par couleurs, avis, écriteaux, étiquettes et emblèmes et doivent disposer du matériel de protection approprié.

Article 39: Extinction d'un incendie

L'employeur doit mettre en place un équipement approprié afin que tout commencement d'incendie puisse être rapidement décelé et efficacement maîtrisé.

Il doit notamment aménager un système d'alerte, disposer d'eau sous pression, de mousse, d'un nombre suffisant de prises et bouches d'eau munie de tuyaux appropriés, d'extincteurs convenablement répartis, des récipients contenant du sable, des eaux, des pelles et des toiles signifiées et mettre à la disposition des personnes exposées des couvertures anti-feu ou d'autres équipements appropriés.

Article 40: Plan d'évacuation

Dans les établissements où peuvent se réunir

barenga mirongo itanu (50) n'ahandi hantu hakorerwa, hatitawe ku gaciro haba hafite kose, hakoreshwa ibintu bishobora gufatwa n'umuriro ku buryo bworoshye, uburyo bwakoreshwa mu gutabara abantu n'amabwiriza agomba kubahirizwa mu gihe havutse inkongi y'umuriro bigomba gushyirwa ahantu hagaragara muri buri cyumba cy'umurimo.

Iyo nyandiko imanitse igaragaza cyane cyane aho ibikoresho byo kuzimya n'iby'ubutabazi biherereye, abakozi bashinzwe gukoresha ibyo bikoresho no gutabara abantu na numero ya telefoni y'abashinzwe kuzimya umurimo.

UMUTWE WA VI: IBITEGANYWA MURI RUSANGE KU MIBEREHO MYIZA, UBUZIMA N'UMUTEKANO KU KAZI

Ingingo ya 41: Amazi yo kunywa

Umukoresha agomba guha buri mukozi amazi yo kunywa nta kiguzi kandi akabikora ku buryo buhoraho. Ayo mazi agomba kuba ari mu kintu cyabugenewe kandi gifite isuku, kandi akarindwa icyayanduza cyose.

Icyakora, igihe umukozi akorera ahantu hamusaba gukoresha ingufu nyinshi cyangwa hashobora kugabanya ubwirinzi bw'umubiri we, agomba guhabwa ikindi kinyobwa cyiyongera ku mazi kidasembuye.

fifty (50) people, as well as any other work place, irrespective of its value, in which flammable materials are used, a notice of evacuation plan instructions to follow in case of fire shall be clearly displayed in each work premise.

Such a notice shall mainly include the location of the extinguishing and rescue equipment, the personnel responsible for operating such equipment and evacuation and telephone number of firefighters.

CHAPTER VI: GENERAL PROVISIONS ON WORKPLACE WELFARE, HEALTH AND SAFETY

Article 41: Supply of drinking water

Every employer shall provide and maintain an adequate supply of drinking water conveniently accessible to all persons employed, and free of charge. The water shall be contained in suitable and clean vessels and be protected from contamination.

However, if the worker is habitually subjected to harsh working conditions or other conditions that reduces his/her immune system, he/she shall be provided with another soft drink in addition to water.

plus de cinquante (50) personnes ainsi que dans ceux, quel qu'en soit l'importance, où sont manipulées ou mises en œuvre des matières inflammables, un plan d'évacuation et une affiche contenant les consignes à observer en cas d'incendie doivent être placés en évidence dans chaque local de travail.

L'affiche indique notamment l'emplacement du matériel d'extinction et de sauvetage, le personnel chargé de mettre en action ce matériel et l'évacuation et le numéro d'appel téléphonique des sapeurs-pompiers.

CHAPITRE VI: DISPOSITIONS GÉNÉRALES SUR LE BIEN-ÊTRE, SANTÉ ET SÉCURITÉ AU TRAVAIL

Article 41: Approvisionnement en eau potable

L'employeur doit mettre gratuitement et continuellement à la disposition du personnel de l'eau potable. Cette eau doit être contenue dans des récipients appropriés, propres et protégée de toute contamination.

Toutefois, lorsque le travailleur est soumis de façon habituelle à des conditions de travail pénibles ou autres conditions pouvant diminuer son immunité, il devra bénéficier, en plus de l'eau, une autre boisson non alcoolisée.

Birabujijwe kwinjiza no guha abakozi ibinyobwa bisembuye mu masaha y'akazi.

It is prohibited to introduce and distribute alcoholic beverages to workers during working hours.

Il est interdit d'introduire et de distribuer des boissons alcoolisées pendant les heures du travail.

Ingingo ya 42: Aho gufatira amafunguro

Article 42: Premises for meals

Article 42: Locaux pour les repas

Umukoresha agomba gukora ku buryo ahantu hateganyirijwe gufatirwa ifunguro mu gihe hahari, harangwa n'isuku ikwiye kandi hubahirije ku buryo buhagije ibisabwa mu rwego rw'ubwiza n'isuku.

Every employer shall ensure that places reserved for taking meals, if available at workplace, are maintained in perfect state of cleanliness and such places shall meet the satisfactory standards of comfort and hygiene.

Chaque employeur doit s'assurer que les lieux réservés aux repas, si disponibles, sont tenus en bon état de propreté et que leur aménagement répond à des normes satisfaisantes en matière de confort et d'hygiène.

Birabujijwe gufatira ifunguro cyangwa ikinyobwa ahantu hari ibintu bihumanya cyangwa bifite ingaruka mbi ku buzima nk'imiti cyangwa ibindi cyangwa ahakoreshwa ibintu bitanga ivumbi cyangwa umwotsi.

Taking food or drinking where a poisonous or otherwise injurious substance is used or where some substances are used so as to generate any dust or fume shall be prohibited.

Il est interdit de prendre le repas ou de boisson là où il y a une substance toxique ou autrement nuisible ou dans des endroits où des substances quelconques sont utilisées pour produire de la poussière ou la fumée.

Ingingo ya 43: Aho kwisukurira hakwiye

Article 43: Appropriate wash rooms

Article 43: Salles de toilette appropriées

Umukoresha wese agomba guha abakozi be ahantu heza ho kwisukurira kandi hagomba guhora hasukuye kandi hatunganye.

Every employer shall provide persons employed adequate and suitable washrooms which must be kept in a clean and orderly condition.

Chaque employeur doit fournir à ses employés des installations de toilette suffisantes et convenables pour faire la toilette. Ces installations doivent être gardées dans un état propre et en bon ordre.

Ingingo ya 44: Urwambariro

Article 44: Accommodation for clothes

Article 44: Vestiaires

Umukoresha agomba guha abakozi aho bambarira hatandukanye ukurikije ibitsina byabo harimo intebe zihagije n'utubati, buri wese afite ake afungisha serire cyangwa ingufuri, abikamo imyambaro ye aba atambaye igihe ari mu kazi.

The employer shall provide workers with change rooms separated by sex and equipped with a sufficient number of seats and individual lockable or padlockable wardrobes for keeping the clothes that are not worn during working hours.

L'employeur doit mettre à la disposition des travailleurs des vestiaires séparés selon le sexe et pourvu d'un nombre suffisant de sièges et d'armoires individuelles fermant à clé ou à cadenas, pour y garder leurs habits qui ne sont pas portés pendant les heures de travail.

Utwo tubati tugomba gusukurwa n'abakozi

The wardrobes shall be thoroughly cleaned at

Les armoires sont complètement nettoyées au

ku buryo buhagije nibura incuro imwe mu cyumweru. least once a week by workers.

moins une fois par semaine par les travailleurs.

Ingingo ya 45: Uburyo bwo kwicara mu kazi

Article 45: Facilities for sitting

Article 45: Position et posture de travail

Hakurikijwe gahunda n'imiterere y'akazi, umukoresha agomba gushakira umukozi ukora akazi kamusaba guhagarara uburyo bwo kwicara buhoraho kandi bukwiye bumufasha kuruhuka mu gihe arimo gukora akazi ke.

Depending on the work schedule and the nature of work, every employer shall provide workers whose work is done standing, suitable facilities for sitting, in order to take advantage of any opportunities for resting which may occur in the course of this employment.

Selon l'horaire de travail et la nature de travail, l'employeur doit fournir aux travailleurs dont le travail est fait en étant debout, les installations permanentes et adaptées pour s'asseoir, afin de profiter de toutes les possibilités de repos qui peuvent survenir au cours du travail.

Ingingo ya 46: Ibikoresho n'imyambaro byo kurinda umukozi

Article 46: Protective clothing and appliances

Article 46: Appareils et vêtements de protection

Hakurikijwe imiterere y'akazi, ibikoresho cyangwa imyambaro y'ibanze yifashishwa mu kurinda umukozi igizwe n'ibi bikurikira:

Depending on the nature of work, the basic safety protective clothing and appliances of employed person shall consist of:

Selon la nature du travail, l'équipement de protection est composé de:

- 1° ingofero zirinda abakozi n'ikirahure gikingira mu maso;
- 2° agapfukamunwa gatuma umukozi ahumeka uko bikwiye kandi karinda imikungugu, imyuka, ibisukika byahindutse umwuka n'indi myuka yahumanya umuntu;
- 3° indorerwamo z'amaso zirinda umukozi urumuri n'imirasire bishobora kumubangamira mu buryo ubwo ari bwo bwose, byamwica amaso ndetse n'ibindi bintu bitaruka byaba ibikomeme, amazi cyangwa

- 1° a helmet and welding glasses that protect eyes from damage;
- 2° appropriate respirators to protect against dust, gases, vapors or other noxious fumes;
- 3° sunglasses to protect the worker against annoying lights, all kinds of radiation harmful to eyesight and all solid, liquid or gaseous emissions likely to cause injury;

- 1° un casque et des lunettes de soudure qui protègent les yeux contre les dommages;
- 2° masques respiratoires appropriées contre les poussières, gaz et vapeurs ou autres émanations nocives;
- 3° lunettes destinées à protéger le travailleur contre des lumières gênantes, rayonnements nocifs pour la vue et toutes les projections solides, liquides, ou gazeuses, susceptibles d'occasionner des lésions;

Official Gazette n° Special of 25/05/2012

imyuka byamutera uburyaryate ku mubiri;

- | | | |
|--|---|---|
| 4° itaburiya ndende umukozi yambara mu kazi cyangwa ibindi bintu byo kumurinda ku buryo bukwiye imirasire mibi yamwangiriza ubuzima igihe imugezeho; | 4° lead-coated blouses and/or other appropriate devices for protection against radiation harmful to the health of the exposed individual; | 4° blouses plombées et/ou autres dispositifs appropriés de protection contre les radiations nuisibles à la santé de la personne y exposée ; |
| 5° ibigabanya ubukana bw'urusaku ku buryo bunoze kugira ngo urusaku rwumvikana rube rutari hejuru ya desiberi mirongo inani n'eshanu (85); | 5° effective noise control devices to decrease the intensity of noise such that it does not go beyond eighty five (85) decibels; | 5° dispositifs efficaces de contrôle du bruit pour diminuer l'intensité du bruit de telle sorte qu'il n'excède pas quatre vingt cinq (85) décibels; |
| 6° ibifubiko bijyanye n'akazi gakorwa, nk'ibipfukantoki birinda ubukonje, ibishyirwa ku mavi n'ingofero; | 6° gloves that are best suited to the type of work to be done, sleeves, knee pads and headgear; | 6° gants appropriés au type de travail à accomplir, manchons, genouillères et couvre-chefs; |
| 7° inkweto zabugenewe zirinda abakozi kunyerera, ibyabajomba n'ibindi byabakomeretsa; | 7° special shoes to protect workers against sliding, splashing, fumes and dangerous contacts; | 7° chaussures spéciales pour la protection des travailleurs contre les glissements, les projections, émanations et contacts dangereux; |
| 8° imyambaro yo kwikingira nk'amakoti afite ikora rifunze n'amaboko maremare anigiye mu bujana, ipataro ndende; | 8° protective clothing such as fastened collar and long sleeves and tight cuffs, jacket and long pants; | 8° vêtements protecteurs tels que cols attachées et longues manches et poignets serrés, veste et un pantalon long; |
| 9° ijire igaragara cyane; | 9° high visibility vest; | 9° gilet de haute visibilité ; |
| 10° ibikoresho byo kwirinda ubushyuhe cyangwa ubukonje ndetse n'umuriro; | 10° equipment to protect against heat or cold and the risk of fire; | 10° un équipement de protection contre la chaleur ou le froid et le risque d'incendie; |
| 11° ibikoresho byo kwirinda impanuka zikomereza; | 11° equipment to protect risk of injury; | 11° l'équipement de protection contre le risque de blessure ; |

Official Gazette n° Special of 25/05/2012

12° ishati ndende n'indi myenda idashobora kwinjirwamo n'amazi;

13° ibikoresho bifasha abakozi kwirinda gukomerera n'imigozi bizirika ibarinda guhanuka bari hejuru;

14° ibyuma, ibikoresho ibyo ari byo byose bizwi ko bishobora kwifashishwa mu gukingira impanuka.

12° water proof gowns and clothes;

13° harness and lifeline for protection against falls from height;

14° any other equipment, devices or accessories recognized to provide effective protection.

12° une longue blouse et d'autres vêtements imperméables;

13° harnais et bouée de sauvetage pour la protection contre les chutes de hauteur;

14° tout autre appareil, dispositifs ou accessoires reconnus efficaces pour la protection.

Ingingo ya 47: Umutuzo ku kazi

Imashini, ibikoresho byifashishwa mu kurinda umuntu n'ibindi bikoresho byifashishwa mu kazi bigomba kubahiriza amategeko y'ubuzima n'umutekano ku kazi yagenwe kandi bigafatwa neza, bikitabwaho ndetse bigakoreshwa neza ku buryo bidatera umukozi imvune cyangwa ikibazo ku mubiri cyangwa mu mubiri we.

Umukoresha wese agomba gufata ingamba akamenya neza ko ahakorerwa akazi, ibikoresho ndetse n'inshingano z'umukozi biteguye neza, hakurikijwe ubushobozi bw'umukozi kandi hagamijwe no kumurinda kuruha cyane mu mutwe.

Umukoresha ntakombwa kwemerera umukozi we gufatisha intoki cyangwa kuba yatwara umutworo uremereye cyane ushobora guteza ikibazo umubiri we.

Article 47: Ergonomics at the workplace

Machinery, equipment, personal protective equipment, appliances and hand tools used in all workplaces shall comply with the prescribed safety and health standards and be appropriately installed, maintained and safe guarded such that they do not cause unjustified local or generalized fatigue or musculoskeletal deformities.

Every employer shall take necessary steps to ensure that work place, equipment and work tasks are adapted to fit the employee's ability including his/her protection against mental strain.

An employer shall not require or permit any of his/her employees to engage in the manual handling or transportation of a load which by reason of its weight is likely to cause the employee to suffer body injury.

Article 47: Ergonomie au travail

Les machines, le matériel, l'équipement de protection individuelle, les appareils et les instruments de mains utilisés dans tous les lieux de travail doivent respecter les normes de santé et sécurité prescrites et être correctement installés, entretenus et gardés en toute sécurité de telle sorte qu'ils ne causent pas de fatigue localisée ou généralisée non justifiée ou de difformités musculo-squelettiques.

Tout employeur doit prendre les mesures nécessaires pour s'assurer que le lieu de travail, des équipements et des tâches de travail sont adaptés pour ajuster la capacité de l'employé, y compris sa protection contre le stress mental.

Un employeur ne doit pas autoriser son employé à s'engager dans la manipulation manuelle ou le transport d'une charge qui en raison de son poids est susceptible de causer à l'employé des lésions corporelles.

Ingingo ya 48: Gukurikiranwa kwa muganga

Umukoresha wese agomba gukoresha ibizamini byo kwa muganga abakozi be, mbere y'uko batangira akazi, mu gihe bagakora na nyuma yo kugahagarika.

Ibyo bizamini bigomba kwishyurwa n'umukoresha.

Ingingo ya 49: Umukozi mu by'ubuzima n'umutekano ku kazi

Ikigo cyose gifite nibura abakozi bari hagati ya mirongo itanu (50) n'ijana na mirongo itanu (150) bakoresha ibintu, imashini n'uburyo bishobora guteza impanuka n'indwara biturutse ku mirimo bakora cyangwa n'uburyo bakoramo akazi kabo kigomba kugira umukozi ushinze ubuzima n'umutekano ku kazi.

Icyakora, ikigo n'uruganda bikoresha abakozi batari mu nsi y'ijana na mirongo itanu (150) kandi bakoresha ibintu, imashini n'uburyo bishobora guteza impanuka n'indwara biturutse ku mirimo abo bakozi bakora ndetse/cyangwa n'uburyo bakoramo akazi kabo, bigomba kugira impuguke mu by'ubuzima n'umutekano ku kazi.

Ingingo ya 50: Gukumira no kurwanya umunaniro mu mutwe abakozi bashobora kugira igihe bari mu kazi

Umukoresha wese agomba gushyiraho

Article 48: Medical surveillance

Every employer shall make medical test of the employees before they are employed, during their employment and after the termination of their employment.

These tests shall be paid by the employer.

Article 49: Workplace health and safety professional/expert

Any establishment which has at least between fifty (50) and one hundred and fifty (150) employees who use products, machines and processes that can cause accidents and diseases related to work assigned to them or to the environment in which they work shall be required to hire a healthy and safety professional.

However, establishment and industry employing at least more than one hundred and fifty (150) employees using products, machines and processes that can cause accidents and diseases shall have a workplace health and safety expert.

Article 50: Prevention and management of work-related stress

Every employer shall ensure that the adequate

Article 48: Surveillance médicale

Chaque employeur doit faire des examens médicaux à ses employés avant qu'ils soient employés, au cours de leur emploi et après la cessation de leur emploi.

Ces examens devront être payés par l'employeur.

Article 49: Professionnel/expert en santé et sécurité au travail

Toute entreprise ayant au moins entre cinquante (50) et cent cinquante (150) employés dans laquelle on utilise des produits, machines et procédés pouvant occasionner des accidents et maladies liés à des travaux auxquels ils sont affectés et /ou à l'environnement dans lequel ils travaillent, doit avoir un professionnel en santé et sécurité du travail.

Toutefois, les usines et industries employant au moins plus de cent cinquante (150) personnes usant des produits, machines et procédés pouvant occasionner des accidents et maladies professionnelles doivent avoir un expert en santé et sécurité au travail.

Article 50: Prévention et gestion du stress sur le lieu du travail

Tout employeur doit s'assurer que les moyens

uburyo bwiza bwo guhanahana amakuru, amabwiriza, kwihanangiriza ndetse n'ibindi bihano byaba mu magambo cyangwa mu nyandiko bihabwa umukozi mu buryo bwiza budahungabanya ubuzima bwe bwo mu mutwe.

UMUTWE WA VII: IBUZWA RY'IMIRIMO YAKURURIRA IBIBAZO ABAGORE BATWITE CYANGWA ABONSA

Ingingo ya 51: Imirimo yatera ibibazo abagore batwite

Hamaze kwerekanwa icyemezo cyatanzwe na muganga wemewe, nta mugore utwite ushobora gukoreshwa imirimo bigaragara ko yagira ingaruka mbi ku buzima bwe ndetse n'ubw'umwana atwite ndetse n'ubw'umwana atwite.

Ingingo ya 52: Imirimo yatera ibibazo umugore wonsa

Hamaze kwerekanwa icyemezo cyatanzwe na muganga wemewe, nta mugore wonsa ushobora gukoreshwa imirimo ishobora kugira ingaruka mbi ku buzima bwe ndetse n'ubw'umwana atwite.

Ingingo ya 53: Ingamba zafatwa

Igihe bigaragara ko hari ibyagira ingaruka mbi ku buzima bw'umugore utwite cyangwa wonsa, ingamba zikurikira zigomba gufatwa:

and suitable means of communications, instructions, warning notices and other penalties, whether oral or written, shall be given to workers in a way that does not undermine the psychological health of the employed person.

CHAPTER VII: PROHIBITION OF DANGEROUS WORK TO PREGNANT AND BREASTFEEDING WOMEN

Article 51: Dangerous work to the health of pregnant women

Upon presentation of a medical certificate from a reorganized medical doctor, the employed pregnant woman shall not be employed for work which might pose a threat to her health and that of her pregnancy.

Article 52: Dangerous work to the health of a breastfeeding woman

Upon presentation of a medical certificate from a recognized practitioner to the employer, the employed breastfeeding woman shall not be employed for work which might pose a threat to her health and her pregnancy.

Article 53: Precaution measures

Where a significant risk has been identified on the health of the pregnant or breastfeeding woman, the following measures shall be taken:

adéquats et appropriés de communication, les instructions, les avertissements et autres sanctions, oraux ou écrits, doivent être donnés aux employés dans une manière qui ne porte pas atteinte à la santé psychologique de la personne employée.

CHAPITRE IV: PROHIBITION DES TRAVAUX DANGEREUX POUR LES FEMMES ENCEINTES OU ALLAITANTES

Article 51: Travaux dangereux pour les femmes enceintes

Sur présentation du certificat médical délivré par un médecin agé, la femme enceinte ne peut être employée à des travaux présentant une menace pour sa santé et celle de sa grossesse.

Article 52: Travaux dangereux pour les femmes allaitantes

Sur présentation du certificat médical délivré par un médecin agé, la femme allaitante ne peut être employée à des travaux présentant une menace pour sa santé ou pour sa grossesse.

Article 53: Mesures de précaution

Lorsqu'il est établi qu'il existe un risque significatif pour la santé de la femme enceinte ou allaitante, des mesures suivantes doivent être prises afin de fournir, le cas échéant une

1° gukuraho icyatera izo ngaruka mbi;

2° kumworohera mu kazi ke;

3° gushyirwa mu wundi mwanya w'akazi adatakaje umushahara, mu gihe kumworohera bidashoboka.

1° elimination of the causes of identified risks;

2° adaptation of her conditions of work

3° transfer to another post without loss of her pay in case such an adaptation is not possible.

alternative:

1° l'élimination du risque;

2° l'adaptation de ses conditions de travail;

3° un transfert à un autre poste, sans perte de rémunération, lorsqu'une telle adaptation n'est pas réalisable.

UMUTWE WA VIII: IGENZURA N'IBIHANO

Ingingo ya 54: Inyandikomvugo

Kutubahiriza ingingo zikubiye muri iri teka bikorerwa inyandikomvugo n'umugenzuzi w'umurimo ku rwego rw'Akerere ikohererezwa ushinzwe ubuzima n'umutekano ku kazi ku rwego rw'Igihugu kugira ngo hafatwe ibyemezo cyangwa ibihano bikwiriye.

Iyo nyandikomvugo ishobora kandi gukorwa n'Ushinzwe ubuzima n'umutekano ku rwego rw'Igihugu ashingiye ku igenzura yakoze.

Ingingo ya 55: Ibihano

Ibihano bikurikira bishobora guhabwa umuntu wese cyangwa ikigo bitubahirije ibikubiye muri iri teka, hakurikijwe uburemere bw'ikosa ryakozwe:

1° uretse mu gihe yaba yishe amategeko ku buryo bukomeye, nta na rimwe

CHAPTER VIII: CONTROL MEASURES AND SANCTIONS

Article 54: Minutes

Failure to comply with provisions of this Order shall be subject to a statement made by the labor inspector of the District and forwarded to Occupational Health and Safety Expert/professional at the national level, for appropriate sanctions or decisions.

The said statement may be made by the national occupational safety and health expert upon his/her own investigations.

Article 55: Sanctions

The following sanctions may be imposed depending, on the gravity of the fault committed:

1° except in cases of grave violations of law, no sanction can be imposed to an

CHAPITRE VIII: MESURES DE CONTROLE ET SANCTIONS

Article 54: Procès-verbal

Le non respect des dispositions du présent arrêté constitue un manquement et doit être constaté par procès-verbal établi par l'inspecteur du travail du District et transmis à l'expert chargé de la santé et sécurité du travail au niveau national pour décisions ou sanctions appropriées.

Ledit procès-verbal peut être fait par le professionnel/expert chargé de la santé et sécurité du travail au niveau national suite à ses propres enquêtes.

Article 55: Sanctions

Les sanctions ci-après peuvent être appliquées, selon la gravité de la faute:

1° sauf en cas de violation grave et flagrante, aucune sanction ne peut être

Official Gazette n° Special of 25/05/2012

umukoresha afatirwa igihano atabanje kwihanangirizwa. Igihano cyo kwihanangirizwa ntikirenza iminsi mirongo itatu (30) y'akazi kandi bikandikwa mu gitabo cy'ubuzima n'umutekano ku kazi cyangwa binyujijwe mu nyandiko yihanangiriza ikoherezwa mu ibaruwa ishinganye uyitanze agahabwa icyemezo cy'uko yakiriwe;

2° guhagarikirwa imirimo by'agateganyo mu gihe kiri hagati y'iminsi irindwi (7) n'amezi abiri (2), iyo atubahirije ibivugwa mu gace kabanziriza aka;

3° gufungwa burundu kw'ikigo, iyo mu gihe cyo guhagarikwa by'agateganyo, atashoboye kubahiriza ibisabwa.

Inyandiko yihanangiriza igomba kuba iriho itariki n'umukono kandi ikagaragaza amakosa yakozwe n'igihe ntarengwa agomba kuba yakosorewemo.

Icyo gihe ntarengwa kigenwa hashingiwe ku kuntu ibintu byifashe, ku kamaro no ku gihe cyo gukosora ibyari bidatunganye.

Igihano icyo ari cyo cyose cyavuzwe mu gika cya mbere cy'iyi ngingo gitangwa na Minisitiri ufite umurimo mu nshingano ze hashingiwe kuri raporo yakozwe n'ushinzwe

employer without a formal notice. The duration of the notice shall not exceed thirty (30) working days, and shall be recorded in the workplace health and safety register, and if not possible, it shall be sent through a registered letter with acknowledgment of receipt;

2° temporary closure of any establishment for a period of between seven (7) days to two (2) months for failure to abide by the formal warning request;

3° permanent closure of the enterprise in case of failure to address the issues during the temporary closure.

The formal notice shall be dated and signed and shall state the fault committed and the deadline for the rectification.

The duration of the warning notice shall be determined depending on the circumstances, the magnitude and the period for rectification of the situation.

Any sanction referred to in Paragraph One of this Article shall be decided the Minister in charge of labor, based on report done by the Professional/Expert in charge of Occupational

imposée sans que l'employeur n'ait été mis en demeure. La mise en demeure est de trente (30) jours ouvrables au maximum et doit être portée par écrit au registre de santé et sécurité au travail, à défaut par une lettre recommandée avec accusé de réception;

2° fermeture temporaire de l'établissement pour une durée de sept (7) jours à deux (2) mois en cas de non respect de l'avertissement formel à lui donné;

3° fermeture définitive de l'entreprise, si durant la période de suspension provisoire d'activité, les conditions lui exigées n'ont pas été respectées.

Datée et signée, la mise en demeure précise le manquement constaté et fixe le délai limite pendant lequel le matériel du travail devra être assaini.

La durée de la mise en demeure s'apprécie compte tenu des circonstances, de l'importance et de la durée des travaux nécessaire à l'assainissement requis.

Toute sanction prévue à l'alinéa premier du présent article doit être approuvée par le Ministre ayant le travail dans ses attributions, en se basant sur le rapport fait par le

Official Gazette n° Special of 25/05/2012

ubuzima n'umutekano ku kazi ku rwego rw'Igihugu.

Iyo igihano gishingiye kuri raporo yakozwe n'Umugenzuzi w'umurimo ku rwego rw'Akarere, iyo raporo ibanza gusuzumwa n'ushinzwe ubuzima n'umutekano ku kazi ku rwego rw'Igihugu mbere y'uko igihano cyemerwa na Minisitiri ufite umurimo mu nshingano ze.

Iyo ari uguhagarikwa kw'igihe gito, nta muntu cyangwa ikigo bemerewe gusubukura imirimo batabanje kubiharerwa uburenganzira n'urwego rw'ubuyobozi rwafashe icyemezo.

UMUTWE WA IX: INGINGO ZISOZA

Ingingo ya 56: Amabwiriza yihariye

Minisitiri ufite umurimo mu nshingano ze ashobora gushyiraho amabwiriza yihariye y'inyongera ajyanye n'ubuzima n'umutekano ku kazi agenga ibyiciro runaka.

Ingingo ya 57: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'iri teka

Ingingo zose z'amateka abanziriza iri kandi zinyuranyije na ryo zivanyweho.

Ingingo ya 58: Igihe iri teka ritangira gukurikizwa

Iri teka ritangira gukurikizwa ku muni

Health and Safety at National level.

When the sanction is to be based on the report done by the District labor Inspector, the said report shall require prior verification by the professional/expert in charge of occupational health and safety at National level and decided by the Minister in charge of labor.

In case of temporary closure, none or no establishment may resume its activities without authorization of the organ that took the decision.

CHAPTER IX: FINAL PROVISIONS

Article 56: Sectoral regulations

The Minister in charge of labour may issue further sector specific regulations on occupational safety and health.

Article 57: Repealing provision

All prior provisions contrary to this Order are hereby repealed.

Article 58: Commencement

This Order shall come into force on the date of

Professionnel/Expert chargé de la santé et sécurité au travail au niveau national.

Lorsque la sanction se base sur le rapport fait par l'Inspecteur du travail au niveau du District, ledit rapport doit être préalablement vérifié par le professionnel/expert en santé et sécurité au travail au niveau national avant que la sanction ne soit confirmée par le Ministre ayant le travail dans ses attributions

En cas de fermeture temporaire, aucune personne ou établissement ne peut reprendre ses activités, sans l'autorisation de l'autorité qui a pris la décision.

CHAPITRE IX: DISPOSITIONS FINALES

Article 56: Règlements sectoriels

Le Ministre ayant le travail dans ses attributions peut émettre des règlements complémentaires relatifs à la santé et sécurité au travail spécifiques à certains secteurs d'activités.

Article 57: Disposition abrogatoire

Toutes les dispositions antérieures contraires au présent arrêté sont abrogées.

Article 58: Entrée en vigueur

Le présent arrêté entre en vigueur le jour de sa

Official Gazette n° Special of 25/05/2012

ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya
Repubulika y'u Rwanda.

Kigali, kuwa **17/05/2012**

(sé)

MUREKEZI Anastase

Misititiri w'Abakozi ba Leta n'Umurimo

**Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya
Repubulika:**

(sé)

KARUGARAMA Tharcisse

Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya
Leta

its publication in the Official Gazette of the
Republic of Rwanda.

Kigali, on **17/05/2012**

(sé)

MUREKEZI Anastase

Minister of Public Service and Labour

**Seen and sealed with the Seal of the
Republic:**

(sé)

KARUGARAMA Tharcisse

Minister of Justice/Attorney General

publication au Journal Officiel de la République
du Rwanda.

Kigali, le **17/05/2012**

(sé)

MUREKEZI Anastase

Ministre de la Fonction Publique et du Travail

Vu et scellé du Sceau de la République:

(sé)

KARUGARAMA Tharcisse

Ministre de la Justice/Garde des Sceaux